

Agatabo gasobanura

# ibyo “kurengerwa ku rwego mpuzamahanga” mu Bubiligi



**Kinyarwanda**



|  |    |
|--|----|
| 1. Gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» mu Bubiligi.....  | 4  |
| 2. Ni ryari umuntu asaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» ? .....  | 5  |
| 3. Zimwe mu ngingo z'ingenzi .....   | 6  |
| 3.1 Gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» bivuga iki ? .....   | 6  |
| 3.2 Uwo bita «umuntu usaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga»» ni nde ? ..   | 7  |
| 3.3 Ese Dublin ni iki ? .....  | 7  |
| 3.4 “Icyemezo kidakuka” ni iki ?.....  | 7  |
| 3.5 Ni ryari bavuga ko habayeho “insubirabusabe yo «kurengerwa ku<br>rwego mpuzamahanga»”?.....                                  | 7  |
| 3.6 «Ibirango bwite by'umuntu» bisobanura iki ? .....  | 8  |
| 4. Kwinjizwa mu murongo w'abasaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga».....  | 8  |
| 4.1 Ni hehe basabira «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» ? .....  | 8  |
| 4.2 Inzira yo gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» itangira ryari? ..   | 8  |
| 4.2.1 Itangwa n'iyandikwa ry'icyifuzo cyo gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» ..   | 9  |
| 4.2.2 Gutangira nyakuri gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» .....  | 13 |
| 5. Ese bazazirikana ibyo nkeneye ku buryo bw'umwihariko?.....  | 16 |
| 6. Dublin? .....   | 17 |
| 6.1 Ni ryari umuntu aba arebwa itegeko rya Dublin? .....   | 18 |
| 6.2 Ese Nshobora kujyanwa ku ngufu mu kindi gihugu cyo mu<br>muryango w'uburayi gifite inshingano zo kwiga ubusabe bwanjye?..... | 18 |
| 7. Ese nzabazwa mu kigo gishinzwe iby'abanyamahanga? .....   | 19 |
| 7.1 Umukozi ubaza n'umusemuzi bafite izihe nshingano?.....   | 19 |
| 7.2 Ibazwa rigamije iki ? .....  | 20 |
| 7.3 Isozwa ry'ibazwa.....  | 21 |
| 7.4 Ni ngombwa korohereza abambaza.....  | 22 |
| 7.5 Ibazwa rizaba riteye gute ? .....  | 22 |
| 8. Hatangwa ibihe byangombwa ?.....  | 23 |
| 8.1 Mu gihe ukiri mu rugendo rwo gusaba «kurengerwa ku rwego<br>mpuzamahanga».....   | 23 |
| 8.2 Nyuma yo guhabwa ibyangombwa (sitati) nk'impunzi .....   | 24 |
| 8.3 Nyuma yo kubona icyangombwa (sitati)cyo kurengerwa<br>by'ingoboka ku rwego mpuzamahanga .....                                | 24 |
| 8.4 Nyuma yo kwimwa ibyangombwa byo kurengerwa ku rwego<br>mpuzamahanga .....  | 25 |
| 9. Ese nshobora guhindura ibijyanye n'umwirondoro wanjye? .....  | 26 |
| 10. Sinduzuzwa imyaka 18 kandi ndi jyenyine. Ngomba gukora iki ? .....   | 26 |
| 11. Ese nshobora kwiyambaza umwunganizi mu gusaba «kurengerwa<br>ku rwego mpuzamahanga»? .....                                   | 28 |
| 12. Ni gute nasubira mu gihugu nkomokamo ?.....  | 29 |
| 13. Ese nshobora kugwirirwa mu gihe ngisaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» ? .....   | 30 |
| 14. Ni iki ikigo cy'igihugu gishinzwe abanyamahanga (OE) gikoresha amakuru<br>andeba bwite? .....                                | 30 |
| 15. Adresse z'ingirakamaro.....  | 31 |

# 1. Gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» mu Bubiligi

Umunyamahanga uwo ari we wese uri ku butaka bw'Ububiligi ashobora kuhasaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» abinyujije ku nzego zibishinzwe.

Inzego nyinshi zigira uruhare muri icyo nzira :



## Ikigo gishinzwe abanyamahanga (OE)

OE ni urwego rwa Leta y'Ububiligi rushinzwe abanyamahanga ku bijyanye no kwemererwa kwinjira mu gihugu, kukibamo, kugituramo, no kugisohorwamo.

OE yakira isaba ryo “kurengerwa ku rwego mpuzamahanga” mu Bubiligi ikaryandika, kandi ikemeza niba ari igihugu cy'Ububiligi - cyangwa ikindi kiri mu muryango w'ibihugu bigize Ubumwe by'Uburayi - gifite inshingano zo gukurikirana ubwo busabe.

<https://dofi.ibz.be/>



## Komisariya Nkuru ishinzwe Impunzi n'Abatagira Ubuwengihugu (CGRA)

CGRA ni urwego rushinzwe gusuzuma dosiye ijyanye no gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga». CGRA irasesengura kugira ngo yemeze niba ubwo busabe bukenewe koko.

<https://www.cgra.be/>



## Urukiko nkemurampaka n'abanyamahanga (CCE)

CCE ni urwego rukemura impaka ku byemezo byafashwe n'ubutegetsi. Iyo umunyamahanga akemanga icyemezo cyafashwe na OE cyangwa CGRA, ashobora kujurira CCE.

CCE ifata icyemezo kuri ubwo bujirire.

Ifite kandi ububasha busesuye bwo gutanga icyangombwa (sitati yo «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» cyangwa icy'ingoboka).

CCE ishobora no gufata icyemezo cyo gusubiza dosiye muri OE cyangwa muri CGRA mu gihe ibona hakenewe iperereza n'isesengura byimbitse.

<https://www.rvv-cce.be/>



## Urukiko rw'inama ya leta (CE)

CE ni urukiko umuntu ashobora gutangamo ubujurire ku cyemezo cyafashwe na CCE.

<https://www.conseildetat.be/>



## Ikigo cy'igihugu gishinzwe kwita ku basaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» (Fedasil)

Fedasil yishingira kwakira abasaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga». Fedasil ikoresha kandi isuzumwa rusange ry'uburwayi kuri buri wese usaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga». Byongeye, Fedasil yunganira abashaka gusubira mu bihugu bakomokamo ku bwende bwabo

<https://www.fedasil.be/>

## 2. Ni ryari umuntu asaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga»?

Ushobora gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» mu Bubiligi mu gihe utinya kuba watotezwa cyangwa kugirirwa urugomo rukabije uramutse usubiye mu gihugu ukomokamo.

Hagomba kubanza kwemezwa igihugu cyo mu Muryango w'Ubumwe bw'i Burayi gifite inshingano zo gusuzuma ubusabe bwawe.

Iyo Ububiligi ari bwo bugomba kwita ku busabe bwawe, mbere na mbere CGRA irabanza igasuzuma niba ukwiye guhabwa ibyangombwa (sitati) byagenewe impunzi. Bitaba ibyo, ikareba niba ushobora guhabwa ibindi byangombwa bisimbura ibihabwa impunzi zemewe.

**Andi makuru  
yerekeye ibya Dublin  
urayasanga mu gice  
cya 6. Dublin**

## IBYANGOMBWA BY'ABEMEWE NK'IMPUNZI

Ushobora kwemererwa kubona ibyangombwa by'impunzi (Sitati) iyo utinya guhohoterwa biturutse ku bwoko bwawe, ku idini urimo, ku bwenegihugu bwawe, ku myemerere n'imyumvire yawe mu bya politiki, cyangwa bitewe n'uko ubarizwa mu itsinda runaka KANDI ukaba udashobora kwiyambaza ubutegetsu bw'igihugu cyawe kugira ngo bukurengere.

Izi ngingo shingiro zasobanuwe mu Masezerano y'i Jeneve yo kuwa 28 Nyakanga 1951 (*banayita "Amasezerano agenga ibyerekeranye n'impunzi - Convention sur les réfugiés"*).



## IBYANGOMBWA BY'INGOBOKA

Iyo utujuje ibisabwa ngo wemerwe nk'impunzi, ariko ukaba ushobora gukorera urugomo rukabije mu gihe waba usubiye mu gihugu cyawe, uhabwa ibyangombwa (Sitati) by'ingoboka.

### Dore ibifatwa nk'urugomo rukabije (ndengakamere):

- igihano cy'urupfu cyangwa kunyongwa; cyangwa
- iyicarubozo cyangwa gukorera umuntu ibikorwa bya kinyamaswa; cyangwa ibibangamiye inyokomuntu mu gihugu impunzi ikomokamo. Aha ni iyo uwasabye «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» ashobora kubikorwa mu gihugu akomokamo; cyangwa
- kwibasirwa mu iterabwoba rikozwe mu buryo bukabije, bikaba byakorwa nta robanura mu gihe hari intambara mu gihugu cyangwa hagati y'ibihugu.

## 3. Zimwe mu ngingo z'ingenzi

### 3.1 GUSABA «KURENGERWA KU RWEGO MPUZAMAHANGA» BIVUGA IKI?

Iyo utanze ubusabe bwo “kurengerwa ku rwego mpuzamahanga” mu nzego z'Ububiligi bitewe n'uko utinya gutotezwa cyangwa kugirirwa urugomo ndengakemere uramutse usubiye mu gihugu ukomokamo, icyo gihe uba ubaye “Umuntu usaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga”.

### 3.2 UWU BITA UMUNTU USABA “KURENGERWA KU RWEGO MPUZAMAHANGA» NI NDE?

Iyo wasabye “*kurengerwa ku rwego mpuzamahanga*” mu nzego z’Ububiligi zibifitiye ububasha, uba witwa “*umuntu usaba kurengerwa ku rwego mpuzamahanga*” kugeza igihe hafatiwe icyemezo kidakuka ku busabe bwawe.

### 3.3 ESE DUBLIN NI IKI?

Andi makuru yerekeye ibya Dublin urayasanga mu gice cya **6. Dublin**

Mu Burayi, ntiwemerewe kwihitiramo igihugu wifuza kubonamo uburenganzira bwo «*kurengerwa ku rwego mpuzamahanga*». Amahame abigena akubiye mu cyitwa Itegeko rya Dublin, ni na yo agena “igihugu cya Dublin” kigomba gusuzuma ubusabe bwawe. Iyo wamaze gusaba «*kurengerwa ku rwego mpuzamahanga*» mu Bubiligi, Ikigo cy’igihugu gishinzwe abanyamahanga (OE) kireba niba ari Ububiligi cyangwa ikindi *igihugu cya Dublin*” kigomba gusuzuma ubusabe bwawe.

### 3.4 “ICYEMEZU KIDAKUKA” NI IKI?

Iyo ubusabe bwawe bufatiwe umwanzuro (wo *kukwemerera cyangwa kuguhakanya* «*kurengerwa ku rwego mpuzamahanga*») kandi kujuririra ibyemezo byafashwe bikaba bitagishoboka na gato (*nk’uko biteganywa n’amategeko yerekeye abanyamahanga*), icyo gihe biba ari “*icyemezo kidakuka*”.

### 3.5 NI RYARI BAVUGA KO HABAYEHO “INSUBIRABUSABE YO KURENGERWA KU RWEGO MPUZAMAHANGA”?

Bavuga ko habayeho insubirabusabe yo kurengerwa ku rwego mpuzamahanga iyo usanzwe warabisabye mu Bubiligi hagafatwa icyemezo kidakuka, *NYUMA ukongera ukabusaba bundi bushya*.

Ubusabe bundi buje bukurikira ku zindi nshuro – *nyuma y’uko wasabye hagafatwa icyemezo kidakuka* – babyita “**Insubirabusabe**”.

### 3.6 «IBIRANGO BWITE» BY'UMUNTU BIVUGA IKI?

Kuri buri wese usaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga», hafatwa «ibirango bye bwite» (*données biométriques*) : ni ukuvuga ibikumwe n'ifoto igaragaza isura ye (*mbese nk'ijya mu ndangamuntu*).

Ibyo birango bishobora gukoreshwa mu igereranya nkoranabuhanga n'ibyaba byarafatiwe ahandi.

## 4. Kwinjizwa mu murongo w'abasaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga»

### 4.1 NI HEHE BASABIRA «KURENGERWA KU RWEGO MPUZAMAHANGA» ?

Niba wifuzaga gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» mu Bubiligi, ugomba **kwihutira kugana** Ikigo cy'igihugu gishinzwe abanyamahanga (OE), kandi ni **wowe ubwawe** ugomba kwigirayo.

Birashoboka kandi no gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga»:

- Ku **mupaka** ubinyujije ku bashinzwe gucunga imbibi
- Mu **kigo abantu babamo badasohoka**, ubinyujije ku bakozi b'Ikigo cy'igihugu gishinzwe abanyamahanga (OE)
- Muri **gereza**, ubinyujije ku muyobozi wayo

### 4.2 INZIRA YO GUSABA «KURENGERWA KU RWEGO MPUZAMAHANGA» ITANGIRA RYARI?

Iyo nzira igizwe n'ibyiciro bitatu:

- Itangwa ry'icyifuzo cyo gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga»
- Lyandikwa ry'icyifuzo cyo gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga»
- Ubusabe bwo «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga»

Kuri ibyo byiciro byose uko uri bitatu ugomba kuba **uhibereye wowe ubwawe**.



#### 4.2.1 Itangwa n'iyadikwa ry'icyifuzo cyo gusaba «Kurengerwa ku rwego mpuzamahanga»

Niba uri ku butaka bw'Ububiligi kandi ukaba wifuza gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga», ugomba kugana Ikigo cy'igihugu gishinzwe abanyamahanga (OE). Iyo uhageze, ushobora gutanga icyifuzo cyawe cyo gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga».

Iyo bishoboka, uwo muni Ikigo cy'igihugu gishinzwe abanyamahanga (OE) cyandika ubusabe bwawe.

Mu kwandika ubusabe bwawe, bagusobanurira inzira uzakurikira mu busabe bwo «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga». Urugendo nyakuri rwo rutangira nyine urangije gukora ibyo gusaba.

Iyo gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» bidashora gukorwa uwo muni, baguha icyemezo cy'uko waje gutanga icyifuzo cyabyo. icyo cyemezo gihamya ko watanze icyifuzo cyo gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga». Guhera ako kanya, witwa umuntu wasabye «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga».

Iyandikwa rigizwe no:



#### Kumenya uwo uri we

Mu gihe cyo kwandikwa, OE ifata umwirondoro wawe (*amazina, igihe n'ahantu wavukiye, ubwenegihugu*); aha biba byiza iyo hifashishijwe ibyangombwa ufitte bikuranga. Mu gihe udafite ibyangombwa bikuranga, bandika ibyo ubabwiye.

Iyo ufitte **ibyangombwa bikuranga by'umwimerere**, ugomba kubyitwaza ujya muri OE.



### Kumenya andi makuru y'ingirakamaro

Kugira ngo hasozwe iryo yandikwa, OE igenzura igihe wagereye mu Bubiligi, ikareba niba ufite ahantu uba (*aderesi*) ndetse ikareba niba ukeneye gucumbikirwa.

OE inakubaza niba wifuza kuzunganirwa n'umusemuzi muri urwo rugendo rwo gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga».



### Kumenya niba usaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» yaba afite ibibazo byihariye byo mu rwego rw'abanyantegenke

Mu gihe cyo kwandikwa, banakubaza ibibazo byerekeye ingorane zihariye waba ufite zo mu rwego rw'abanyantegenke. Mu rwego rwo kwitabwaho no mu rwego rw'ibizakurikira muri urwo rugendo, ni ngombwa gusobanura neza ingorane zihariye wifuza ko bazirikana.



### Kumenyeshya usaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» uburenganzira n'inshingano afite

Nk'usaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga», hari bumwe mu burenganzira ufite, ariko kandi hari n'inshingano nyinshi zo kubahiriza.

Muri urwo rwego, ufite **uburenganzira bwo kwakirwa no kwitabwaho** kandi Fedasil ishobora kugutera **inkunga y'ibintu bimwe na bimwe**. Byongeye kandi, nk'umuntu usaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga», urindwa **gusubizwa inyuma**. Ibyo bivuga ko utagomba gusubizwa mu gihugu ukomokamo igihe cyose ukiri mu rugendo rwo gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga», keretse bikoze hishinzwe ingingo ziteganywa n'itegeko ryerekeye abanyamahanga.

Ikindi ni uko nta na rimwe mu gihe ugisaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» inzego z'Ububiligi zishobora kuvugana n'ubuyobozi bw'igihugu ukomokamo cyangwa ngo bugire icyo bukimenyeshya.

### **Icyitonderwa: uburenganzira bwo kwakirwa bushobora kugabanywa**

Nk'usaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga», usabwa igihe cyose kuvuga ukuri kandi ukarangwa **no korohereza** bidakemwa abashinzwe gukurikirana ubusabe bwawe.

Iyo ufite **ibyangombwa bikuranga**, uba **ugomba** kwihutira kubyerekana mu gihe cyo kwandikisha ubusabe bwawe.

**Ugomba** gutanga bidatinze ikintu cyose cyafasha inzego zibishinzwe kumenya igihugu cyo mu muryango w'ubumwe bw'Uburayi kigomba gusuzuma ubusabe bwawe bwo «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga».



Kugundira impapuro cyangwa kwanga gutanga impapuro zimwe na zimwe, bishobora kwerekana ko udashaka korohereza umurimo abiga dosiye yawe.

### **Impapuro z'ingirakamaro ni izihe ?**

Impapuro zose zigaragaza imyaka yawe, amateka yawe (*ubariyemo n'ay'abantu bo muryango wawe bafite aho bahuriye n'ibibazo wagize*), amazina yawe, ubwenegihugu bwawe, igihugu cyangwa ibihugu wabayemo mbere, amakuru ajyanye n'uko waba warigeze gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» mbere, aho wanyuze uza mu Bubiligi, ibyangombwa bikuranga, n'ibindi n'ibindi. Aha harimo n'inyandiko cyangwa ibimenyetso ibyo ari byo byose bishobora guhamya ibibazo wagiriye mu gihugu ukomokamo.

**Kutorohereza umurimo abiga ubusabe bwawe** bishobora gutuma ugumishwa ahantu runaka mu gihe ubusabe bwawe busuzumwa cyangwa bigatuma iryo suzuma ryihutishwa na CGRA mu gihe Ububiligi ari bwo buba bugomba kurikurikirana.

**Mu gihe handikwa ugusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» kwawe, umenyeshwa uburenganzira n'inshingano byawe.**



### **Gufata ibirango bwite**

Mu gihe cyo kwandika ugusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga», umukozi wa OE aragufotora kandi akagufata ibikumwe. Gufata ibikumwe bituma Ikigo cy'igihugu gishinzwe abanyamahanga (OE) gikora igenzura kugira ngo kimenye niba wari usanzwe uzwi cyangwa niba hari ahandi uzwi mu bihugu by'umuryango w'ubumwe bw'Uburayi bigendera ku Itegeko rya «Dublin».



Ifoto yawe yomekwa kuri dosiye yawe ndetse no ku mpapuro zimwe na zimwe uzahabwa na OE mu rwego rw'ubusabe bwo «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga».

**Amakuru arambuye ku iyandikwa ry'icyifuzo cyo gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» uzayasanga kuri murandasi y'Ikigo cy'igihugu gishinzwe abanyamahanga (OE)**



<https://tinyurl.com/dpipresentationENG>

**Aho usabira:**

**Office des étrangers (OE)**  
Département Protection internationale  
e-mail : [registration@ibz.fgov.be](mailto:registration@ibz.fgov.be)

#### 4.2.2 Gutangira nyakuri gusaba «Kurengerwa ku rwego mpuzamahanga»

Ku munsu wo kwiwandikisha cyangwa mu minsi itarenze 30 uhereye igihe watangiye icyifuzo, ushobora gutangira dosiye yo gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga».

Mu gihe utangije dosiye y'ubusabe, hari ibintu bitandukanye biteganwa n'amategeko ugomba kubahiriza:



##### Kugira aho ubarizwa mu Bubiligi

Umuntu wese usaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» agomba kugira aho abarizwa mu Bubiligi. OE ikubaza aho ubarizwa. Hashobora kuba ari aho uba, ariko ushobora no guhitamo ko bazajya banyura ku mwunganizi wawe (avoka), ku nshuti, kuri bene wanyu cyangwa ahandi mu Bubiligi.

OE na CGRA byohereza amabaruwa n'ubundi butumwa ubwo ari bwo bwose bujyanye n'ubusabe bwawe (*ni ukuvuga impamagazi, kugusaba amakuru, ibyemezo, n'ibindi n'ibindi*) aho wavuze ko ubarizwa.



Iyo uterekanye aho ubarizwa, bifatwa ko ari kuri CGRA, bityo hakaba ari ho bohereza amabaruwa akugenewe yose.

**Urwo rupapuro ruri ku mugereka wa 1 wa kano gatabo, no kuri murandasi ya OE:**

<https://tinyurl.com/dpiformsENG>



*icyo gihe rero uba ugomba guhora ujya kuri CGRA gushakayo amabaruwa yawe.*

Igihe cyose ahantu ubarizwa (aderesi) hahindutse, **utegetswe** kubimenyesha OE na CGRA.

Hari urupapuro rwabigenewe. Ugomba kurwuzura rukoherezwa muri OE no muri CGRA hakoreshjwe ibaruwa ishinganye.



Icyitonderwa: Mu gihe aho wabarizwaga hahindutse ntubivuge cyangwa ugatin-da kubimenyesha OE cyangwa CGRA, bishobora kugira ingaruka mbi ku busabe bwawe bwo «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga». Amabaruwa yawe yose bakomeza kuyohereza aho basanzwe bazi ko ubarizwa, bityo ntakugereho cyangwa inyandiko zimwe na zimwe zikakugeraho impitagihe.

FR | NL



**Kwemeza ururimi ruzakoreswha mu gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga»**

Mu gihe cyose cy'isaba ryo «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga», bashobora kugena ururimi ruzakoreswha kugeza rishojwe. Urwo ururimi ruba igifaransa cyangwa igifurama.

Iyo uvuga igifaransa cyangwa igifurama udategwa, ushobora guhitamo rumwe muri izi ndimi zombi kugira ngo ruzabe ari rwo rukoreshwa mu isuzuma ryo gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga».

Iyo utazi igifaransa cyangwa igifurama bihagije, OE ubwayo ni yo igena ururimi ruzakoreswha ishingiyeye ku byo amashami n'inzego byayo bikeneye.

Iyo ururimi ruzakoreswha mu isuzuma ry'ubusabe bwawe rumaze kugenwa, ni rwo rukomeza kwifashishwa mu rugendo rwose, haba muri CGRA no

muri CCE.

Urwo rurimi ni na rwo rukomeza gukoreshwa iyo wongeye gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» bundi bushya.



### **Guhabwa Umugereka 26 / 26 quinquies**

Ku munsu wasabiyeho «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga», OE iguha Umugereka 26 (*aha ni iyo ari ubwa mbere usabye «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga»*) cyangwa Umugereka 26quinquies (*aha ni iyo ubisabye bwa kenshi*).

Kuri icyo cyangombwa haba hariho umwirondoro wawe ndetse n'ifoto yawe. Icyo cyangombwa kigufasha guhamya ko wasabye «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga».



Ariko kandi, ntabwo gifatwa nk'irangamuntu cyangwa icyangombwa cy'ubwengehugu.

#### **Icyitonderwa:**

Iyo utitabye ubutumire bwawe bujyanye no gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga», ubwo biba birangiriye aho. Guhera icyo gihe ntuba ugifatwa nk'usaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga». Gusa iyo ku yindi tariki yo hanyuma wongeye gusaba, barongera bagafungura dosiye y'ubusabe.

## 5. Ese bazazirikana ibyo nkeneye ku buryo bw'umwihariko?

Mugihe uri mu rugendo rwogusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga», inzego zibishinze zigutega amatwi kugira ngo zikumenye neza kandi zisobanukirwe byimazeyo ikibazo cyawe wowe ubwawe, ndetse n'igituma usaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga». Abasaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» bose bagomba guhabwa amahirwe angana kugira ngo basobanure ibyo banyuzemo kandi babikore mu buryo bunoze, bityo ubusabe bwabo buzasuzumwe mu nzira iboneye.

Umukozi wa OE azagufasha kuzaza impapuro z'ibibazwa, bityo bitume hasuzumwa niba bizakenerwa kwita ku ngingo zihariye zijyanye n'uko umeze, kugira ngo uzashobore gusobanura neza ibibazo wanyuzemo. Uwo mukozi ashingira ku bisubizo umuhaye akareba niba hari ingamba zihariye zateganywa kugira ngo wunganirwe mu buryo bukwiranye n'ikibazo wihariye.

Ni mu nyungu zawe rero ko wasubiza neza kandi ku buryo bwuzuye ibibazo uwo mukozi azakubaza, ndetse ukihutira gutanga amakuru n'ibimenyetso byose bishobora kugaragaza ibyo ukeneye. Nguko rero uko hashobora kuzazirikanwa ibibazo wihariye mu nzira yawe y'isaba ryo «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga».

Buri gihe uba ushobora kumenyekanisha amakuru cyangwa ibindi wungutse nyuma y'uko hatangizwa isuzumwa ryo gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga».





## 6. Dublin?

Kuba uri mu Bubiligi ukaba warahasabye «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» ntibihita bivuga ko Ububiligi ari bwo buzasuzuma ubusabe bwawe.

Uburayi bufite amabwiriza ajyanye no kugena igihugu gifite inshingano zo gusuzuma ugusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga». Ayo mabwiriza akubiye mu **Itegeko rya Dublin**.

Reba Itegeko nimeru 604/2013 ry'inteko ishingama tegeko n'Inama by'Uburayi, ryasohotse kuwa 26 Kamena 2013 rishyiraho ibigenderwaho n'uburyo hemezwa igihugu cyo mu muryango w'ibihugu by'Uburayi kigomba kwishingira gusuzuma ubusabe bwo «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» bwatanzwe muri kimwe muri ibyo bihugu n'umuntu ukomoka mu bindi bihugu cyangwa utagira ubwenegihugu.



Amabwiriza akubiye muri iryo tegeko yubahirizwa n'ibihugu 31 birimo n'Ububiligi.

Mbere yo gusuzuma impamvu zatumye uhunga, biba ngombwa ko babanza kumenya igihugu - bagendeye ku Itegeko rya Dublin - gishinzwe gukurikirana ubusabe bwo «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga».



Nyuma y'iyandikwa ry'ubusabe bwawe bwo «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga», uzahabwa agatabo kitwa “Nasabye «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» mu muryango w'ibihugu by'i Burayi - ni ikihe gihugu gifite inshingano zo gusuzuma ubusabe bwanjye?” Ako gatabo karimo amakuru arambuye.



Ako gatabo kaboneka mu ndimi zitandukanye, kandi kari kuri murandasi ya OE: <https://tinyurl.com/DPIDublinENG>

## 6.1 NI RYARI UMUNTU ABA AREBWA ITEGEKO RYA DUBLIN?

Itegeko rya Dublin riteganywa ingingo zitandukanye bagenderaho mu kumenya ko bahita batangira gusuzuma ko urebwa n'iryo tegeko. Basuzuma bifashishije amakuru bafite, tuvuye nk'ibyangombwa bikuranga, ibikumwe, amakuru inzego z'Ububiligi zihabwa n'ibindi bihugu biri mu muryango w'ubumwe bw'Uburayi, ndetse n'ibyo wowe ubwawe ubabwira.



Iyo hafashwe icyemezo cyo gutangira gusuzuma niba itegeko rya Dublin rikureba, uhabwa agatabo kitwa “Dosiye yanjye yo «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» iri muri Dublin – ni ukuvuga iki?”.

Ako gatabo kaboneka mu ndimi zitandukanye, kandi kari kuri murandasi ya OE:



<https://tinyurl.com/DPIDublinENG>

Iyo iryo suzuma ryerekanye ko Ububiligi budafite inshingano zo gukurikirana ubusabe bwawe bwo «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga», umenyeshwa ko hafashwe **icyemezo cyo kukwangira guhama mu Bubiligi kandi ko ugomba kuva ku butaka bwabwo**. icyo gihe uba ugomba kujya mu gihugu gifite izo nshingano, ukabikora ku bwende bwawe.

Iyo bigaragaye ko ari Ububiligi bugomba gukurikirana ubusabe bwawe bwo «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga», OE yohereza dosiye yawe – *birashoka ko biba nyuma y'irindi bazwa* – muri CGRA akaba ari yo izasesengura ibikubiye mu busabe bwawe.

## 6.2 ESE NSHOBORA KUJYANWA KU NGUFU MU KINDI GIHUGU CYO MU MURYANGO W'UBURAYI GIFITE INSHINGANO ZO KWIGA UBUSABE BWANJYE?

Yego, ibyo birashoboka ku mpamvu zimwe na zimwe.

Iyo bimeze gutyo, ushobora gushyirwa ahantu uba utemerewe gusohoka (*ikigo ugwatiriwemo*) kugira ngo bizorohe kujyanwa mu gihugu cyo mu muryango w'ubumwe bw'Uburayi gishinzwe gukurikirana ubusabe bwawe.

## 7. Ese nzabazwa n'ikigo cy'igihugu gishinzwe abanyamahanga (OE)?

Buri wese usaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» abazwa na OE mu gihe gito gishoboka nyuma yo kumenyekanisha ubusabe bwe. Iryo bazwa rishobora kuba ku munsu yatanzeho ubusabe bwe cyangwa nyuma y'igihe kitarambiranye. Iyo bibaye ngombwa, usaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» atumizwa muri OE ku yindi tariki.



Icyitonderwa: niba udashobora kuboneka ku munsu wagenwe, ugomba kubimenyeshya OE mu gihe gito gishoboka. Gusa nyine impamvu utanga zigomba kuba zifite ishingiro. Tuvuge nk'igihe urwaye, ugomba kohereza icyemezo cy'umuganga kibihamya.

Niba utitabye mu minsi 15 -ikurikira itariki wagombaga kwitabiraho-, bifatwa ko ubusabe bwawe utagishaka kubukomeza kandi ko uzinutswe iyo nzira yo «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga», ukaba uciye ukubiri na yo. Iyo ari uko bimeze rero, OE ishobora gufata no kuguha icyemezo kigutegeka kuva ku butaka bw'igihugu.

### 7.1 UMUKOZI UBAZA N'UMUSEMUZI BAFITE IZIHE NSHINGANO ?

Mu ntangiriro z'ibazwa, umukozi uriyoboye asobanura icyo we n'umusemuzi bashinzwe.

Iyo wasabye kubazwa wunganiwe n'umusemuzi, aba ahari mu gihe cyose cy'ibazwa.

Inshingano z'umusemuzi zigarukira ku gusemurira neza umukozi wa OE ibyo uvuga, akabimusobanurira uko byakabaye nta cyo yongeyeho cyangwa ngo avaneho. Ntabwo umusemuzi ashobora kwivanga muri dosiye yawe, nta n'ubwo yemerewe kuvuga icyo atekereza ku byo wavuze. Byongeye kandi, ntashobora kugira uruhare na rumwe ku byemezo bifatwa. Igihe cyose agomba kutagira aho abogamira kandi akitwararika ibanga ry'akazi.

Igihe habaye kutumvikana neza n’umusemuzi (*tuvuge uramutse utumva neza ibyo avuga*) mu ntangiriro cyangwa mu kiganiro hagati, ugomba guhita ubimenyekanisha.

Bivuye ku mpamvu zawe bwite zituruka ku byaguteye guhunga, zikaba zituma uhitamo umukozi / umusemuzi w’igitsina gabo/gore, ugomba na byo kubimenyekanisha vuba. Abayobozi bazakora ibishoboka byose ngo icyo cyifuzo cyubahirizwe.

Umukozi ushinzwe kuyobora ikiganiro akumenyeshya rugikubita ikigamijwe, imigendekere y’ikiganiro n’icyo bagutezeho.

## 7.2 IBAZWA RIGAMIJE IKI ?

Ibazwa ugenerwa riterwa n’imiterere y’umwihariko w’ibibazo byawe. Hari inzira nyinshi zishoboka:



### Ibiganiro mu rwego rw’abarebwa n’itegeko rya Dublin

Niba hari ibimenyetso byerekana ko Ububiligi budafite inshingano zo gusuzuma ubusabe bwawe, ibazwa ryawe rizakorwa hisunzwe Itegeko rya Dublin. Umukozi ushinzwe kuyobora ikiganiro abanza gukusanya amakuru ajyanye n’umwirondoro w’ubazwa, irangamimirere rye, abagize umuryango we, aho yanyuze aza mu Bubiligi, n’ibindi n’ibindi.

Hakusanywa kandi amakuru akenewe kugira ngo hamenyekane igihugu cyo mu muryango w’Uburayi gifite inshingano zo gusuzuma ubusabe bwo «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga».



### Ibazwa mu gusaba bwa mbere «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga»

Iyo ari ubwa mbere usaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» kandi hakaba nta kimenyetso kigaragaza ko hari ikindi gihugu cyo mu muryango w’Ubumwe bw’Uburayi gishinzwe gusuzuma ubusabe bwawe, icyo

gihe umukozi ushinzwe ibazwa ryawe abanza kwandika amakuru ajyanye n’umwirondoro, irangamirere, abagize umuryango wawe, aho wanyuze uza mu Bubiligi, n’ibindi n’ibindi.

Byongeye kandi, uwo mukozi abaza usaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» ibibazo bya CGRA, akandika ibisubizo ahawe. Ibyo bibazo bikomoza mu ncamake ku mpamvu zateye ubazwa kuva mu gihugu cy.



### **Ibazwa mu gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» bwa kenshi**

Iyo ubazwa yari yarigeze gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» mu Bubiligi, umukozi uyobora ibazwa ntiyongera gusuzuma impamvu zatanzwe mu gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» ku nshuro ya mbere, ahubwo yibanda ku “bimenyetso bishya” no ku mpamvu usaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» atabashije kubitanga mbere hose. Usaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» agomba kwerekana impamvu ashingiraho yemeza ko hashingirwa kuri ibyo bimenyetso bishya akemererwa sitati yo «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga».

## **7.3 ISOZWA RY’IBAZWA**

Mu gusoza ikiganiro, barabanza bakagusomera ibyo wavuze (*iyo ari ngombwa bifashisha umusemuzi*). Aha uba ugishobora kugira ibyo ukosora, ibyo uhindura cyangwa wumvikanisha kurushaho. Nyuma bahita bagusaba gusinya icyegeranyo cy’ibyavuzwe. Iyo usinye uba wemeye ko ibikubiye muri icyo cyegeranyo ari byo.

Cyakora iyo wanze gusinya ku mpamvu izo ari zo zose, ukubaza abyandika mu cyegeranyo cy’ikiganiro. Yongeraho n’icyatumye utifuzaga gusinya.

## 7.4 NI NGOMBWA KOROHAREZA ABAKUBAZA

Ku ikubitiro, umukozi uyobora ibazwa ryawe akwibutsa ko ugomba **kumworohereza mu gusubiza** ibyo ubazwa

Nk'umuntu usaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga», buri gihe ugomba kuvugisha ukuri no korohereza abayobozi ku buryo bwose bushoboka. Ikindi kandi usabwa ni ukwihutira gutanga inyandiko n'ibyangombwa byose bihamya uwo uri we n'aho ukomoka (*ndetse n'ubwenegehugu bwawe*), inzira wanyuze n'icyaguteye guhunga.

Bikiri mu maguru mashya rero ugomba guha OE inyandiko n'ibyangombwa byose ufite (*biba ari agahebuzo iyo ari **inyandiko n'ibyangombwa by'umwimerere***). Ugomba gukora iyo bwabaga kugira ngo ubone ibimenyetso, tuvuge unyuze nko kuri bene wanyu cyangwa ku bandi bantu bari mu gihugu ukomokamo cyangwa bo mu bindi bihugu.

Kutorohereza abayobozi, kubabeshya cyangwa kugerageza kubayobya mu buryo ubwo ari bwo bwose bishobora kugira ingaruka mbi ku isuzuma rya dosiye yawe yo gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga».

## 7.5 IBAZWA RIZABA RITEYE GUTE ?

Ubusanzwe ibazwa ribera mu nyubako z'ikigo cy'igihugu gishinzwe abanyamahanga. Ubaza, ubazwa ndetse rimwe na rimwe n'umusemuzi, baba bari mu cyumba kimwe kugira ngo ikiganiro gikorwe imbona nkubone.

Gusa mu gihe bigoye cyangwa ndetse bitanashoboka ko ikiganiro gikorwa imbona nkubone, OE ishobora gufata icyemezo cy'uko bikorwa abantu bose batari kumwe. Icyo gihe ikiganiro gikorwa hifashishijwe ikoranabuhanga mu itumanaho, abaganira barebana bakanumvikana ariko bari ahantu hatandukanye.

OE ikora ku buryo ikiganiro gikorwa mu ibanga, ni ukuvuga mu cyumba cyihariye, kitarimo abandi bantu kandi gifunze, kugira ngo hubahirizwe ihame rijyanye no kwitwararika amabanga y'akazi. Ibanga ry'akazi ryubahirizwa buri gihe, haba mu biganiriro biba imbunankubone cyangwa abantu bose batari kumwe.

Nta na rimwe hashobora gufatwa amajwi cyangwa amashusho y'ibibera mu biganiro.

Niba ubona ko ku mpamvu zawe bwite ibiganiro bidashobora gukorwa ababirimo bari ahantu hatandukanye, ugomba kubivuga mu gihe cyo kwandikisha ugusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga», kandi ugashobanura ibibazo wihariye bituma bitashoboka. Umukozi wa OE azandika impamvu utanga, azomeke kuri dosiye yawe. Nyuma OE izasuzuma irebe niba izo mpamvu zifatika.

Ku bw'ibyho rero, uwo mukozi azita ku byo wakenera byose by'umwihariko mu rugendo rwawe rwo gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga». Cyakora OE nibona ko impamvu utanga zidafite ishingiro, izabigusobanurira mu magambo. icyo gihe OE izomeka kuri dosiye yawe impamvu ibiganiro byaba ababifitemo uruhare bose batari kumwe.

Uzamenyeshwa hakiri kare iby'uko ibiganiro bizakorwa ababirimo bose batari hamwe. Uzanahabwa ibisobanuro bikwiye birebana n'imiterere ndetse n'imigendekere y'ibiganiro. Mu gihe cyo kwandikisha ubusabe bwo «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga», bazagusobanurira byimazeyo uko ibiganiro bizagenda nibiramuka bibaye ababirimo bose batari ahantu hamwe, nawe uzahabwa umwanya wo kuba wabinenga.



Amakuru arambuye ku ibazwa wayasanga kuri murandasi y'Ikigo cy'igihugu gishinzwe abanyamahanga (OE) :



<https://tinyurl.com/DPIAuditionENG>

## 8. Hatangwa ibihe byangombwa?

### 8.1 MU GIHE UKIRI MU RUGENDO RWO GUSABA

Mu minsi 8 y'akazi ikurikira uwo watangiyeho ubusabe bwawe, ugomba kujya kuri komini y'aho utuye witwaje icyangombwa cyawe cy'umugereka 26/26quinquies cyawe.

Iyo usaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» bwa mbere, OE iguha Umugereka 26. Ubutegetsi bwa komini utuyemo buzashingira kuri urwo rupapuro buguhe icyemezo cy'uko uhanditse.

Iso usaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» kwa kenshi uhabwa Umugereka 26 quinquies. OE igenda yongera igihe icyo cyangombwa kimara, kugeza ubwo CGRA ifashe icyemezo ku buhungiro wasabye.

Bishoboka kubona icyemezo cy'uko wanditse aho utuye gusa ari uko CGRA yemeye kwakira ubusabe bwawe bwo «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga». Iyo bimeze gutyo ntabwo igihe Umugereka 26 quinquies wawe umara cyongerwa, ahubwo ubutegetsi bwa komini ubamo bushobora kuguha icyemezo cy'uko uhanditse.

## 8.2 NYUMA YO GUHABWA IBYANGOMBWA NK'IMPUNZI

Iyo CGRA cyangwa CCE ikwemeye nk'impunzi, uhabwa icyemezo cy'impunzi. Ugomba kujyana icyo cyemezo ku biro bya komini utuyemo. Komini ishingira kuri icyo cyemezo ikakwandika mu gitabo cy'abanyamahanga, ikaguha icyangombwa bita A (*uburenganzira bwo kuba mu gihugu mu gihe cyagenwe*) kimara imyaka 5.

Iyo hashize imyaka 5 uhereye umunsi wasabye «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga», ushobora kwemererwa kuba mu gihugu burundu. Iyo bimeze gutyo kandi, ugomba gusaba icyangombwa cyitwa Carte B muri komini utuyemo. OE ni yo isuzuma icyo cyifuzo cyo guhabwa Carte B.

## 8.3 NYUMA YO KUBONA ICYANGOMBWA CYO KURENGERWA BY'INGOBOKA KU RWEGO MPUZAMAHANGA

Iyo CGRA cyangwa CCE iguhaye icyangombwa cyo kurengerwa by'ingoboka ku rwego mpuzamahanga, ugomba kujya kuri komini utuyemo witwaje icyemezo cya CGRA cyangwa icya CCE. Ubwo komini izashingira kuri icyo cyemezo ikwandike mu gitabo cy'abanyamahanga kandi iguhe icyangombwa bita Carte A (*cyikwemerera kuba mu gihugu mu gihe cyagenwe*) kimara umwaka 1. Igihe iyo Carte A imara gishobora kongerwa na komini ubugira kabiri, buri gihe ikakongerera imyaka 2 itagombye kubanza kubisaba OE. Gusaba kongerasha Carte bikorwa hasigaye iminsi



iri hagati ya 30 na 45 mbere y'uko icyo cyangombwa gitakaza agaciro, bigasabirwa muri komini utuyemo.

Iyo hashize imyaka 5 uhereye umunsi watanze ubusabe bwo «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga», ushobora kwemererwa kuba mu gihugu burundu. Iyo bimeze gutyo kandi, ugomba gusaba icyangombwa cyitwa Carte B muri komini utuyemo. OE ni yo isuzuma ubwo busabe bwo guhabwa Carte B.

#### **8.4 NYUMA YO KWIMWA IBYANGOMBWA BYO KURENGERWA KU RWEGO MPUNZAMAHANGA**

Hakimara gufatwa icyemezo ndakuka cyo kwima umuntu sitati yo «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» yasabye, OE isohora **itegeko ryo kuva ku butaka bw'Ububiligi**, komini ikamwambura (*iyo ari ngombwa*) icyemezo cy'uko ayanditsemo.

Itegeko ryo kuva ku butaka bw'Ububiligi rishobora kubaho iyo:

- Igihe cyo kujuririra icyemezo cya CGRA cyarenze kandi nta bujurire bwatanzwe.
- CCE yasuzumye ubwo bujurire igasanga budafite ishingiro.

Guhera igihe umuntu asabiye «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» ku nshuro ya gatatu, hashobora guhita hasohoka itegeko ryo kuva ku butaka bw'Ububiligi iyo CGRA yamaze gufata umwanzuro wo kutakira ubusabe kandi ubujurire bukaba butasubika ibyemezo byafashwe

Itegeko ryo kuva ku butaka bw'Ububiligi risobanura igihe ugomba kuba wabuviriyeho.

Iyo wari wigeze gutegekwa kuva ku butaka bw'Ububiligi ariko ntububahirize, OE ishobora kutongera gusohora irindi tegeko rikwirukana, ahubwo ikavugurura itegeko ryo kukwirukana yari iherutse gusohora.

Iyo bibaye ngombwa, ushobora kongererwa igihe cyo kuba wasohotse ku butaka bw'Ububiligi. Icyemezo cyo kuva ku butaka bw'Ububiligi cyangwa ivugururwa ryacyo byoherezwa aho wavuze ko ubarizwa.

## 9. Ese nshobora guhindura ibijyanye n'umwirondoro wanjye ?

Mu gihe cy'urugendo rwo gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga», iyo ubonye ko ibintu bijyanye n'umwirondoro wawe atari byo, ushobora gusaba OE kubikosora. Ushobora kubisaba mu gihe cy'ibazwa rya mbere; ukubaza agenda arebera hamwe nawe amakuru watanze, akakubaza niba ari yo. Iyo ari ngombwa rero ayo makuru arakosorwa.

Gusa iyo ushatse guhindura nyuma cyangwa mu gihe cyo gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» bwa kenshi, byashoboka gusa ari uko werekanye pasiporo mpuzamahanga igifite agaciro.

## 10. Sinduzuzwa imyaka 18 kandi ndi jyeneyine. Ngomba gukora iki?

Niba utaruzuzwa imyaka 18 kandi ukaba utari kumwe n'umubyeyi cyangwa undi muntu wemejwe mu gihugu cyawe ngo akubere umubyeyi-ndagizo, icyo gihe uzandikwa nk'umwana uri wenyine. Ni ukuvuga ko umukozi wa OE wabizobereyemo azagufasha kuzuzwa ifishi yo kohereza mu ishami ry'abaragizwa abana batujuje imyaka 18.



Amakuru arambuye yerekeye inshingano z'ishami ry'ababyeyi-ndagizo muzayasanga kuri murandasi:

<https://tinyurl.com/dpiTutellesFR>



Ishami rishinzwe iby'ababyeyi-ndagizo ni urwego mu Bubiligi ruzihatira kumenya uwo uri we byaba ngombwa rukagushakira uwo rugushinga nk'umubyeyi.

Niba umaze igihe kirekire mu Bubiligi, birashoboka ko haba hari undi muryango wakwandikishije mu ishami ry'ababyeyi-ndagizo, bityo ukaba ufite ugushinzwe nk'umubyeyi wawe.



**Icyitonderwa: iyo imyaka yawe ishidikanywaho, hashobora gufatwa icyemezo cy'isuzuma rya muganga. Ushobora kujuririra icyo cyemezo - cyafashwe hakurikijwe iryo suzuma -mu Rukiko rw'Inama ya Leta.**

Umwishingizi wawe azakunganira mu gihe cyose uri mu rugendo rwo gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga». Ni ukuvuga ko azabona impamagazi zose, inyandiko zisaba amakuru, n'ibyemezo bikureba. Bityo rero ni ngombwa ko umubyeyi-ndagizo aba ahari igihe cyose ubazwa na OE. Iyo umubyeyi-ndagizo wawe adahari ntushobora kubazwa.

Muri OE uzabazwa n'umukozi wazobereye mu byo kubaza abana batujuje imyaka 18. Azakubaza ibibazo azirikana ko uri umwana utari wageza ku myaka 18.



**Mu gihe cyo kwandikisha ubusabe bwo «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga», uzahabwa andi makuru kuri iyi ngingo. “AGATABO KARIMO IBISOBANURO BYUNGANIRA UMWANA UTARAZUZA IMYAKA 18 URI WENYINE AKABA ASABA «KURENGERWA KU RWEGO MPUZAMAHANGA» MU BUBILIGI” kari mu ndimi zitandukanye kuri iyi murandasi ya CGRA :**

<https://www.cgrs.be/en/publications>



## 11. Ese nshobora kwiyambaza umwunganizi mu gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga»?

Ushobora kwiyambaza umwunganizi (avoka) mu gihe cyo gusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga». Ni wowe umwihembera. Iyo udafite amikoro bigatuma utitabaza umwunganizi (avoka), igihe icyo ari cyo cyose ushobora gusaba gufashwa n'umwunganizi utihembera. Umwunganizi udahemba ni wowe ubwawe umwishakira cyangwa agashyirwaho n'ikigo cy'igihugu gishinzwe abanyamahanga (OE).

Uwo mwunganizi ntumuhemba. Gusa ugomba kwerekana gihamya ko wasabye «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga», tuvuge nk'Umugereka 26 cyangwa Umugereka 26 quinquies.

Nk'umuntu usaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga», ushobora guhabwa inkunga yo kukunganira mu by'amategeko. Iyo ubonye iyo nkunga, birumvikana ko amafaranga wagombaga kwishyurirwa ku bijyanye n'ubusabe bwawe agabanuka.

**cyitonderwa:**



**iyonyuma bibe kugaragara ko ufite amafaranga ahagije, ugomba kwishyura igice cy'ayo bagutanzeho bakwishyurira uwo mwunganizi udahemba, ndetse hari n'ubwo wayishyuzwa yose.**

Habaho kandi n'impuzamashyirahamwe zihuriwemo n'amashyirahamwe yibanda ku gufasha abanyamahanga wakwiyambaza. Ishami ry'umuryango w'abibumbuye ryita ku mpunzi ari ryo UNHCR rikorana ubwitange bwinshi kugira ngo abanyamahanga bagubwe neza.



Amakuru arambuye ku bikorwa bya UNHCR  
uzayasanga kuri murandasi:  
<https://www.unhcr.org/be>



## 12. Ni gute nasubira mu gihugu nkomokamo?

Igihe cyose uteganya gusubira mu gihugu ukomokamo kandi wari ukiri mu rugendo rusaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» cyangwa utakirurimo, ushobora kwitabaza imishinga ya Fedasil ireba ibijyanye no gutahuka ku bushake.



Amakuru arambuye wayashakira kuri murandasi:

<https://www.voluntaryreturn.be/>



Iyo udafite cyangwa utarigeze utunga ibyangombwa bikenewe kugira ngo usubire mu gihugu ukomokamo, ugomba kujya kuri ambasade y'igihugu cyawe. Ishobora kuguha pasiporo cyangwa urwandiko rw'inzira.



Urutonde rwa za ambasade n'aho zibarizwa, uzabisanga kuri murandasi ikurikira, ahanditse “ambassades et consulats”.

<http://diplomatie.belgium.be>



Iyo wifuza gusubira bwangu mu gihugu ukomokamo ku bushake, ushobora no koherereza e-mail agashami ka OE bita Itahuka ku bushake (Retour volontaire). Iyo e-mail uyohereza kuri:

[return@ibz.fgov.be](mailto:return@ibz.fgov.be)

## 13. Ese nshobora kugwahirwa mu gihe ngisaba «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga»?

Itegeko ryerekeranye n'abanyamahanga riteganywa ko hari ubwo OE ishobora gufata icyemezo cyo kugwahirwa ahantu runaka (*ikigo ubamo udasohoka*).

Uwasabye «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga» ugwahirwe mu kigo abamo adasohoka ashobora kubyangwa buri kwezi anyuze muri Chambre du Conseil iri mu rukiko rwa mbere rw'iremezo (*agashami mpanabyaha*). icyo gihe asaba gufungurwa. Ubwo busabwa bwandikwa hakurikijwe amategeko yihariye ajyanye n'iby'imanza.

## 14. Ni iki ikigo cy'igihugu gishinzwe abanyamahanga (OE) gikoresha amakuru andeba bwite

OE izitwararika amakuru wayihaye agasuzumwa mu gihe cyose cy'ubusabwa bwawe bwo «kurengerwa ku rwego mpuzamahanga». Iyitwararika igendeye ku ihame bita RGPD (*Règlement général sur la protection des données*), ni ukuvugira ihame rusange ryo kwitwararika amakuru ubitse.

[HANO](#) ni ho muzasanga ibisobanuro birambuye kuri RGPD no kuri politiki ya OE ijyanye no kurengera amakuru; mushobora no kwifashisha aka kamenyetso :



<https://dofi.ibz.be/en/about-us/processing-personal-data/transparency-information-data-subject/transparency-international>

## 15. Adresse z'ingirakamaro



### Ikigo cy'igihugu gishinzwe abanyamahanga (OE)

Pacheco  
Boulevard Pacheco, 44  
1000 Bruxelles

Infodesk  
T +32 2 488 80 00

[infodesk@dofi.fgov.be](mailto:infodesk@dofi.fgov.be)  
[www.dofi.fgov.be](http://www.dofi.fgov.be)  
[www.ibz.fgov.be](http://www.ibz.fgov.be)



### Ikigo cy'igihugu gishinzwe impunzi n'abatagira ubwenegihugu (CGRA)

Eurostation  
Rue Ernest Blerot 39  
1070 Bruxelles

T + 32 2 205 51 11

[cgra.info@ibz.fgov.be](mailto:cgra.info@ibz.fgov.be)  
[www.cgra.be](http://www.cgra.be)



### Urukiko nkemurampaka n'abanyamahanga (CCE)

Laurentide  
Rue Gaucheret 92-94  
1030 Bruxelles

T + 32 2 791 60 00

[info.rvv-cce@ibz.fgov.be](mailto:info.rvv-cce@ibz.fgov.be)  
[www.rvv-cce.be](http://www.rvv-cce.be)



### Urukiko rw'Inama ya Leta (CE)

Rue de la Science 33  
1040 Bruxelles

T + 32 2 234 96 11

[info@raadvst-consetat.be](mailto:info@raadvst-consetat.be)  
[www.raadvst-consetat.be](http://www.raadvst-consetat.be)



### Fedasil

Rue des Chartreux 21  
1000 Bruxelles

T + 32 2 213 44 11

[info@fedasil.be](mailto:info@fedasil.be)  
<https://www.fedasil.be/>



### Urukiko rw'ababyeyi-ndagizo

Boulevard de Waterloo 115  
1000 Bruxelles

T + 32 78 15 43 24

[tutelles@just.fgov.be](mailto:tutelles@just.fgov.be)  
<https://justitie.belgium.be/>



### Umuryango w'Abibumbye Komisariya nkuru ishinze impunzi mu Bubiligi

Avenue Louise 283  
1050 Bruxelles

T + 32 2 627 59 99

[belbr@unhcr.org](mailto:belbr@unhcr.org)  
<https://www.unhcr.org/be>

Editeur responsable : Freddy Roosemont - Boulevard Pacheco 44, 1000 Bruxelles - BCE 0308.356.862

- Ne pas jeter sur la voie publique -